



REPUBLIKA Y'U RWANDA



# IGIIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO (CPI)

UKWEZI KWA MATA 2022

10 Gicurasi 2022

IKIGO CY'IGIHUGU CY'IBARURISHAMIBARE MU RWANDA

## **IGIIMO CY'IHINDAGURIKA RY'IBICIRO MU KWEZI KWA MATA 2022**

Ikigo cy'igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda kinejewe no kubagezaho igipimo cy'ihindagurika ry'ibiciro mu kwezi kwa Mata 2022. Igipimo ngenderwaho cyifashishwa mu bukungu bw'u Rwanda kiboneka hifashishijwe gusa ibiciro byakusanyijwe mu mijyi.

### **A. Ibiciro mu mijyi**

Ibiciro mu mijyi byiyongereyeho 9,9% mu kwezi kwa Mata 2022 ugereranyije na Mata 2021. Ibiciro muri Werurwe 2022 byari byiyongereyeho 7,5%.

Muri Mata 2022, ibiciro byiyongereye bitewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 15,7%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 8,8%, ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 7% n'ibiciro by'amacumbi n'amafunguro byiyongereyeho 15%.

Iyo ugereranyije Mata 2022 na Mata 2021, usanga ibiciro by'ibintu bitarimo ibiribwa n'ibikomoka ku ngufu byariyongereyeho 9,1%.

Iyo ugereranyije Mata 2022 na Werurwe 2022, ibiciro byiyongereyeho 2,4%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 5,5% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 3,3%.

### **B. Ibiciro mu byaro**

Muri Mata 2022, ibiciro mu byaro byiyongereyeho 11% ugereranyije na Mata 2021. Ibiciro muri Werurwe 2022 byari byiyongereyeho 4,3%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Werurwe, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 12,1%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 16,8%, ibiciro by'ibikoresho byo mu nzu, isuku no gusana byiyongereyeho 18,8% n'ibiciro by'amacumbi n'amafunguro byiyongereyeho 11,3%.

Iyo ugereranyije Mata 2022 na Werurwe 2022 ibiciro byiyongereyeho 4,7%. Iri zamuka ryatewe ahanini n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 9,1%.

### C. Ibiciro bikomatanyirijwe hamwe (mu mijyi no mu byaro)

Muri Mata 2022 ibiciro mu Rwanda byiyongereyeho 10,5% ugereranyije na Mata 2021. Muri Werurwe 2022 ibiciro byari byiyongereyeho 5,6%.

Bimwe mu byatumye ibiciro byiyongera muri Mata 2022, ni ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 13,2%, ibiciro by'amazu, amazi, amashanyarazi, gazi n'ibindi bicanwa byiyongereyeho 13,1% n'ibiciro by'amacumbi n'amafunguro byiyongereyeho 13,4%.

Iyo ugereranyije Mata 2022 na Werurwe 2022 ibiciro byiyongereyeho 3,7%. Iri zamuka ahanini ryatewe n'ibiciro by'ibiribwa n'ibinyobwa bidasembuye byiyongereyeho 8% n'ibiciro by'ibijyanye n'ubwikorezi byiyongereyeho 2,6%.

### Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2021 kugeza muri Mata 2022.

Imbonerahamwe igaragaza incamake y'ihindagurika ry'ibiciro mu Rwanda kuva muri Mata 2021 kugeza muri Mata 2022														
<i>ijanisha ry'ihinduka ry'ibiciro ugereranyije n'ukwezi bisa k'umwaka ushize n'ukwezi kwakubanjirije</i>														
	2021										2022			
	04	05	06	07	08	09	10	11	12	01	02	03	04	
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu mijyi	2,4	-0,1	-0,2	-0,4	-0,6	-0,9	0,6	1,0	1,9	4,3	5,8	7,5	9,9	
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu byaro	3,0	0,7	0,3	-1,7	-2,8	-4,8	-6,0	-6,4	-4,7	-0,8	3,1	4,3	11,0	
Ihindagurika ry'ibiciro ku mwaka mu Rwanda	2,7	0,4	0,1	-1,1	-1,8	-3,2	-3,3	-3,4	-2,0	1,3	4,2	5,6	10,5	
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu mijyi	0,2	-0,5	-0,2	0,0	0,3	0,6	0,6	-0,5	0,0	2,1	1,8	3,1	2,4	
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu byaro	-1,6	-2,5	0,2	-0,4	0,6	-0,1	-0,7	-1,1	0,1	2,9	4,5	2,6	4,7	
Ihindagurika ry'ibiciro ku kwezi mu Rwanda	-0,9	-1,6	0,0	-0,3	0,5	0,2	-0,1	-0,9	0,1	2,5	3,3	2,8	3,7	

*Isoko: Ikigo cy' Igihugu gishinzwe ibarurishamibare mu Rwanda*

**Ku bindi bisobanuro:**

Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR)

Agasanduku k'Iposita 6139 Kigali,

Tel:+250 -788383103 Hot line: 4321

Web site: [www.statistics.gov.rw](http://www.statistics.gov.rw) /CPI Indexes

Email: [info@statistics.gov.rw](mailto:info@statistics.gov.rw)